# RAPORO Y'IGIKORWA CYO KWIBUKA ABANA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

# 2014

## ISHAKIRO

I. INTANGIRIRO ..... 3
II. UKO IBIKORWA BYO KWIBUKA ABANA BYAGENZE ..... 4
1. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU NTARA Y'AMAJYARUGURU ..... 4
2. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU NTARA Y'AMAJYEPFO ..... 7
3. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU NTARA Y'UBURASIRAZUBA ..... 10
4. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU NTARA Y'UBURENGERAZUBA ..... 13
5. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU MUJYI WA KIGALI ..... 17
6. KWIBUKA ABANA KU RWEGO RW'IGIHUGU ..... 21
IBIKORWA BYARANZE UMUNSI WO KWIBUKA ABANA KU RWEGO RW'IGIHUGU ..... 21
IKIGANIRO ..... 26
UMUHANGO WO GUCANA URUMURI ..... 28
III. UMUSOZO ..... 31

# I. INTANGIRIRO

Mu mwaka wa 2014, habayeho kwibuka ku nshuro ya 20 Jenoside yakorewe Abatutsi. Muri uku kwibuka habayeho umwihariko wo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi, mu rwego rwo guha icyubahiro abana bazize Jenoside ndetse no guha abana umwanya wo kumenya ububi n'ingaruka za Jenoside kugirango barusheho gufata ingamba zo kuyirwanya no kwimakaza ubunyarwanda nk'indangagaciro ibahuza.

Ibi bikorwa byo kwibuka abana byabaye mu turere twose tw'igihugu bisozwa ku rwego rw'igihugu taliki ya 16 Kamena 2014 aho kwibuka abana byahujwe n'umunsi w'umwana w'umuyafurika nk'uko byari byemejwe n'inama y'Abaminisitiri yo ku wa 28 Mata 2014.

Kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi niigikorwa cyateguwe ku bufatanye n'inzego zitandukanye arizo:

- Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango;
- Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana;
- Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside;
- Komite Nshingwabikorwa ya "Ndi Umunyarwanda";
- Intara n'Uturere;
- Abafatanyabikorwa.

# II. UKO IBIKORWA BYO KWIBUKA ABANA BYAGENZE

## *1. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU NTARA Y'AMAJYARUGURU*

Mu ntara y'Amajyaruguru igikorwa cyo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi cyabereye mu Turere twose tugize iyi ntara.

By'umwihariko ku rwego rw'intara y'Amajyaruguru igikorwa cyo kwibuka Abana cyabereye mu Karere ka Rulindo aho cyitabiriwe n'abana barenga ibihumbi bitatu bari kumwe n'abayobozi mu nzego zitandukanye, abarimundetse n'abaturage bo mu karere ka Rulindo.

**Ibyaranze igikorwa**

Igikorwa cyo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi cyatangijwe n'urugendo rwo kwibuka rwatangiriye ku rwibutso rw'umurenge wa Shyorongi rusorezwa ku kibuga cy'umupira cya Rulindo ariho hakomereje imihango yo kwibuka yarimo ubuhamya, indirimbo, ndetse n'ubutumwa butandukanye.





Abayobozi bifatanya n’abana mu guha icyubahiro abana bazize Jenoside mu karere ka Rulindo

Umwana UWIZEYIMANA wo mu Karere ka  Rulindo avuga umuvugo ‘’TWIBUKE TWIYUBAKA”

**Ikiganiro**

Muri uyu muhango kandi hatanzwe ikiganiro ‘Kwibuka abana bazize Jenoside dushimangira gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” cyatanzwe na Madamu **Mukamusonera Marie Claire** umwe mu bagize Komite Nyobozi ya Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda”, aho abana babonye umwanya wo gusobanuza ku mateka yaranze u Rwanda ndetse no kuri Jenoside.

**Bimwe mu Bibazo Abana babajije.**

- Abana babajije impamvu abayobozi bariho mbere bashyigikiye ndetse bakanashyira mu bikorwa Jenoside;
- Abana babajije impamvu yatumye bamwe bica abandi babahora uko baremwe;
- Abana babajije icyo Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" igamije;
- Habajijwe niba kuvanaho icyo abanyarwanda bita amoko atari ukubangamira umuco nyarwanda;
- Abana babajije aho amoko bavuga yaturutse;
- Abana babajije uburyo abicaga bamenyaga ubwoko bw'abishwe muri Jenoside ;
- Abana babajije igituma amateka y'u Rwanda atigishwa mu mashuri.

**Amahugurwa kuri "Ndi Umunyarwanda"**

Taliki ya 02/06/2014 abana 200 bahagarariye abandi baturuka mu bigo by'amashuli bitandukanye byo mu karere ka Rulindo bahawe amahugurwa kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", aya mahugurwa yatanzwe n'abahagarariye Komite Nshingwabikorwa ya "Ndi Umunyarwanda".



Abana bitabiriye amahugurwa kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu Karere ka Rulindo

## 2. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU NTARA Y'AMAJYEPFO

Ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi byabereye mu Turere twose tugize iyi ntara aho ibikorwa byo kwibuka abana byaranzwe n'urugendo rwo kwibuka, gushyira indabo ku nzibutso, ikiganiro, ubuhamya, ubutumwa mu ndirimbo, imivugo no mu dukino tugufi.

Ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo, kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi byabereye mu Karere ka Nyanza ku wa gatatu tariki 28 Gicurasi 2014.

Umushyitsi mukuru muri uwo muhango yari Dr. Monique NSANZABAGANWA, Visi Perezida wa Komite Nshingwabikorwa wa Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" akaba kandi na Visi Perezida w'Umuryango "Unity Club-Intwararumuri".

**Ibyaranze igikorwa**

Umuhango watangijwe n'urugendo rwo kwibuka, rwatangijwe no gushyira indabo ku rwibutso rw'abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu Karere ka Nyanza. Ibigo by'amashuri 17 byitabiriye kwibuka abana bishwe muri Jenoside yakorewe abatutsi.

Nyuma yo kunamira abazize Jenoside no gushyira indabo ku mva zabo, abitabiriye umuhango bose bakomeje urugendo rwo kwibuka, rusorezwa kuri Sitade y'Akarere ka Nyanza, ari naho hakomereje izindi gahunda zari ziteganyijwe.



Abana n'abayobozi bashyira indabo ku mva zishyinguyemo abazize Jenoside



Abana bo mu Karere ka Nyanza baririmba indirimbo ‘’Urumuri’

**Ikiganiro**

Ikiganiro cyatanzwe na Madamu UWIMANA Xaverine, Visi Perezida wa Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge. Yishimiye ko abana benshi bitabiriye umuhango wo kwibuka abana.

**Bimwe mu bibazo abana babajije**

- Ko mwatubwiye ko amacakubiri yazanywe n’abakoloni, kandi amoko yo akaba yarahozeho (Abagesera, abanyiginya,…), mwadusobanurira uko babigenje ngo abantu bahinduke abahutu, abatwa n’abatutsi?
- Ndi Umunyarwanda yazanywe na nde, kandi ryari?
- Ni izihe ngamba abantu bakuru muri hano mwaba mufite zo guhangana n’abagenda basebya igihugu cyacu? Twe tubyifatemo dute nk’abana?

Umwanya w'ibibazo n'ibyifuzo wasojwe abana bahabwa impanuro nkuru yo kujya bahora bibuka aho bari hose, mu byo bakora byose, ko ari abanyarwanda bafite inshingano yo gukunda Igihugu cyabo.

**Amahugurwa kuri "Ndi Umuyarwanda"**

Taliki 29/05/2014 umunsi ukurikira uwo Akarere ka Nyanza kibutseho abana, habaye amahugurwa y'abana 200 bahagarariye abandi bo mu karere ka Nyanza aho bahawe mahugurwa kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

Visi Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge afatanyije na Madamu Iyamuremye Regine Umunyamabanya Ushingwabikorwa wa "Unity Club-Intwararumuri" bahaye abana ibiganiro ku ngingo zikurikira :

1) Uruhare rw'umwana mu kubaka ejo heza h'u Rwanda;
2) Uruhare rw'umwana mu kubaka ubunyarwanda mu muryango we;
3) Ni uruhe rwanda wifuza kubamo;
4) Umuhigo mutahanye ni uwuhe.

Amahugurwa yasozwe abana biyemeje ko bagiye guharanira amahoro birinda icyahungabanya ubumwe bw'abanyarwanda bishimira ko basobanukiwe n'amateka y'u Rwanda kandi ko bazi neza ko Ubunyarwanda ari indanga gaciro ibahuza.

## *3. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU NTARA Y'UBURASIRAZUBA*

Kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu ntara y'Uburasirazuba byabereye mu Turere twose tugize iyi ntara aho kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi byaranzwe n'ubwitabire bw'abana,abayobozi, abahagarariye amadini n'abandi bahagarariye inzego zitandukanye.

**Ibyaranze igikorwa**

Muri rusange igikorwa cyo kwibuka abana mu ntara y'Uburasirazuba cyaranzwe n'urugendo rwo kwibuka, gushyira indabo ku nzibutso, ubutumwa butandukanye bwatanzwe mu mivugo no mu dukino tugufi.



Abana bo mu karere ka Nyagatare bitabiriye gahunda yo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi

**Ikiganiro**

Mu Turere twose tugize intara y'Uburasirazuba hatanzwe ikiganiro cyateguriwe gutangwa muri gahunda yo kwibuka abana, aho abana bigishijwe kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" basobanurirwa ko ubunyarwanda ariyo ndangagaciro ibahuza ikaba iruta ikindi kintu cyose cyabatanya. Abana kandi basabwe kugira uruhare mu kubaka igihugu cyabo kuko aribo mbaraga z'igihugu.



Abana bo mu Karere ka Bugesera babaza ibibazo ku mateka y'u Rwanda

**Bimwe mu bibazo abana babajije**

- Abana babajije icyarangaga umututsi kugira ngo yicwe;
- Abana babajije aho amoko bavuga yaturutse;
- Abana babajije icyo Jenoside isobanura;
- Abana babajije igituma amateka y'u Rwanda atigishwa mu mashuri;
- Abana babajije impamvu yatumye abatutsi bicwa kandi mbere barabanaga neza nk'abanyarwanda;
- Abana babajije niba umubare w'abatutsi bishwe bivugwa ko ari miliyoni imwe, ugaragaramo n'imibiri y'ababonetse nyuma;
- Abana babajije indangagaciro  nyazo z'Umunyarwanda ni izo arizo.

## 4. UKO IGIKORWA CYAGENZE MU NTARA Y'UBURENGERAZUBA

Kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu ntara y'Uburengerazuba byabereye mu Turere twose tuyigize aho ibikorwa byo kwibuka bana byaranzwe n'urugendo rwo kwibuka, gushyira indabo ku nzibutso kimwe no guha abana ikiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

**Ibyaranze igikorwa**

Kwibuka abana mu Karere ka Rusizi byabereye rimwe no kwibuka abana ku rwego rw'Intara y'Iburengerazuba ku itariki 23/05/2014 kuri Sitade y'Akarere. Iki gikorwa cyitabiriwe n'abana basaga ibihumbi icumi, abarezi, abayobozi n'abaturage. Iki gikorwa cyatangijwe n'urugendo rutuje rwitabiriwe n'ibyiciro by'abantu bavuzwe haruguru kuva mu mujyi wa Kamembe kugera kuri Sitade ya Rusizi.



Abana bo mu karere ka Rusizi bakora urugendo rwo kwibuka



Abayobozi baha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe abatutsi

**Ubutumwa bwatanzwe**

Mu ijambo ry'Umushyitsi mukuru, Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Uburengerazuba, yashimye ubwitabire bw'abana mu gikorwa cyo kwibuka abana bagenzi babo bazize uko bavutse. Yavuze ko n'ubwo aya mateka mabi yabaye abenshi muri abo bana bataravuka ari ngombwa ko babyigishwa, bagasobanurirwa kandi bakagira uruhare runini mu kwibuka abacu twabuze kandi bakarushaho kurangwa n'urukundo ruzira amacakubri. Yasabye abana kutazemerera umuntu uwo ariwe wese (baba ababyeyi babo cyangwa abandi bantu ) wabigisha ingengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri

**Ikiganiro**

Hatanzwe ikiganiro n'umwe mu bashyitsi bari bitabiriye iki gikorwa ariwe Madamu UWIMANA Xaverine cyari gifite umutwe ugira uti: ***"Kwibuka Abana bazize Jenoside dushimangira gahunda ya Ndi Umunyarwanda".*** Uwatanze ikiganiro yagihinnye mu buryo butuma abana basobanukirwa neza amateka yaranze Igihugu cyacu no kuba umunyarwanda icyo ari cyo. Mu kiganiro cye yongeye gukosora ibitaragaragaye neza mu bihangano by'abana asobanura ko ingabo za FPR zahagaritse Jenoside zigamije kugarura ubumwe bw'abanyarwanda bose muri rusange no gutanga icyizere cyo kubaho kw'abanyarwanda haba abariho ubu n'abazadukomokaho bose. Bumwe mu butumwa yasabye abana kuzirikana ni **"Ndi Umunyarwanda ufite uburenganzira busesuye ku byiza by'igihugu byose kandi ufite n'inshingano zo gukunda igihugu cye".**



Umwana uhagarariye abandi mu karere ka Rusizi atanga ubutumwa

**Bimwe mu bibazo abana babajije**

- Itandukaniro riri hagati y'intambara na Jenoside ni irihe?
- Abana babajije niba Jenoside yarateguwe mu mwaka wa 1994 igahita inashyirwa mu bikorwa;
- Abana babajije icyakurikijwe kugirangoabantu bashyirwe mu byiciro by'amoko ;
- Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" igamije iki?
- Abana babajije icyakurikizwaga mu gutandukanya abantu b'ubwoko bw'abahutu n'ubwoko bw'Abatutsi;
- Abana babajije itandukaniro riri hagati y'Indangagaciro na Kirazira; Abana babajije niba bishoboka ko gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yagera mu bigo by'amashuri byose.

- Abana babajije ingamba zihari zo kugabanya ibinyoma bivugwa kuri "Internet" kuri bimwe byaranze amateka y'u Rwanda.

**Amahugurwa y'Abana kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"**

Kuwa 24/05/2014, Akarere ka Rusizi ku bufatanye na Komite ya "Ndi Umunyarwanda" ibarizwa muri Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge hateguwe amahugurwa ku bana bahagarariye abandi hagamijwe kubigisha no kubasobanurira byimbitse kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

Aya mahugurwa yitabiriwe n'abana bagera ku **196** baturutse mu bigo **22** by'amashuri abanza n'ayisumbuye bibarizwa mu mirenge 7 yo mu Karere ka Rusizi. Ntabwo byashobotse ko ibigo byose byo mu Karere bihagararirwa muri aya mahugurwa kubera impamvu z'igihe n'amikoro.

Atangiza aya mahugurwa yabereye ku kigo cya TTC Mururu, uwari uhagarariye Umuyobozi w'Akarere Bwana **NSHIMIYUMUKIZA Michel** yasabye abana bitabiriye aya mahugurwa kuyakurikirana neza bakabaza aho badasobanukiwe neza ari nta rwikekwe bityo bakazabafasha kwigisha abandi bana baje bahagarariye.

Intego z'aya mahugurwa zari gusobanurira abana:

1) Amateka y'Igihugu;
2) Gahunda yimbitse ya "Ndi Umunyarwanda";
3) Gushyiraho amatsinda ya "Ndi Umunyarwanda" mu bigo.

Visi Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge niwe watanze ibiganiro kandi afasha abana gusobanukirwa neza bimwe mu byaranze amateka mabi y'u Rwanda, intambwe igihugu kimaze gutera mu kwiteza imbere no guteza imbere abanyarwanda n'akamaro ka gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

Abana bagize uruhare runini muri aya mahugurwa babaza ibibazo bitandukanye ndetse batanga n'ibitekerezo. Nyuma y'ibiganiro abana bashyizwe mu matsinda batanga ibitekerezo kuri ibi bibazo bikurikira:

1. Uruhare rw'umwana mu kubaka ejo heza h'u Rwanda;
2. Uruhare rw'umwana mu kubaka ubunyarwanda mu muryango we;
3. Ni uruhe rwanda wifuza kubamo;
4. Umuhigo mutahanye ni uwuhe.

Abana bamenyeshejwe ko ibisubizo byatanzwe bizahurizwa hamwe n'ibizaturuka mu zindi Ntara bityo hashyirweho gahunda ihamye yo gufasha abana kugera ku mihigo biyemeje.

## 5. *UKO IGIKORWA CYAGENZE MU MUJYI WA KIGALI*

Kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu mujyi wa Kigaliyabereye mu Turere twose tuwugize.

Mu Karere ka Gasabo kwibuka abana byabereye ku rwibutso rwa Jenoside ruri ku Gisozi aho abana barenga 6000 bitabiriye iki gikorwa.

Mu karere ka Kicukiro igikorwa cyabereye kuri Sitade ya "IPRC Kigali" iri ku Kicukiro aho igikorwacyitabiriwe n'abana barenga 5000 ndetse n'abayobozi mu nzego zitandukanye.

Mu Karere ka Nyarugenge kwibuka abana byabereye kuri “Camp Kigali” aho ibigo by’amashuli byegereye Camp Kigali byohereje abanyeshuli bagera ku 2000 bitabiriye igikorwa byo kwibuka abana.




Abana bo mu Karere ka Gasabo bakora urugendo rwo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi



Abana bashyira indabo ahashyinguye imibiri y'abazize Jenoside yakorewe abatutsi ku rwibutso rwa Kigali ku Gisozi

**Ikiganiro**

Mu Turere twose tugize umujyi wa Kigali muri gahunda zo kwibuka abana hatanzwe ikiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" aho abana bahabwaga umwanya wo kubaza no gusobanukirwa amateka y'u Rwanda.



Abana bateze amatwi Depite Bamporiki Edward abaha ikiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

**Bimwe mu bibazo abana babajije**

- Abana babajije icyo "Ndi Umunyarwanda" ari cyo;
- Abana babajije impamvu yatumye Jenoside itegurwa;
- Abana bifuje kumenya uruhare abakolonije u Rwanda bagize muri Jenoside;
- Abana bifuje kumenya uburyo Jenoside iba;
- Abana babajije impamvu abayobozi bakanguriwe Jenoside bakemera ko iba ntibayihakane;
- Abana nabahije ahouwagira ihohoterwa rishingiye ku bwoko yarega;
- Abana babajije uwagize uruhare muri Jenoside yakorewe abatutsi;
- Abana babajije igihano gihabwa abagize uruhare muri Jenoside yakorewe abatutsi; ?

- Abana babajije niba abakoronije u Rwanda bakiriho.

Nyuma yo kubaza ibibazo abana barasubijwe ndetse batahana ingamba ko bagiye guharanira ko Jenoside itazongera kuba ukundi .

## 6. KWIBUKA ABANA KU RWEGO RW'IGIHUGU

Ku rwego rw'Igihugu, kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi byabaye tariki ya 16 kamena 2014 kikaba cyari igikorwa gisoza ibindi bikorwa byo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi byabereye ku rwego rw'Intara n'Uturere twose tw'Igihugu, kuri uyu munsi kandi hanizihijwe "***Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umunyafurika'***

### IBIKORWA BYARANZE UMUNSI WO KWIBUKA ABANA KU RWEGO RW'IGIHUGU

- Urugendo rwo kwibuka;
- Umunota wo kwibuka;
- Ubutumwa bw'abayobozi batandukanye;
- Ubutumwa mu mikino n'indirimbo by'abana;
- Ikiganiro kuri gahunda ya "Ndi umunyarwanda";
- Ibibazo n'ibisubizo by'abana;
- Gucana urumuri rw'icyizere;







Abana n'abayobozi mu rugendo rwo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi



Abayobozi bifatanya n'abana mu munota wo kwibuka



Abayobozi batandukanye bakurikira imihango yo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi



Umuyobozi w'umujyi wa Kigali Bwana Fidele NDAYISABA atanga ubutumwa ku bana n'abakuru bitabiriye igikorwa cyo kwibuka abana



Umuyobozi wa IBUKA Bwana DUSINGIZEMUNGU J.Pierre ageza ubutumwa ku bana bitabiriye igikorwa cyo kwibuka



Perezida w'amahuriro y'abana Murenzi Alex avuga ijambo




Abanyeshuli bo muri "FAWE GIRLS SCHOOL" baririmba indirimbo y'urumuri

**IKIGANIRO**

**Dr. Monique NSANZABAGANWA** wari uhagarariye Komite ya "Ndi Umunyarwanda" yatanze ikiganiro cyari gifite umutwe ugira uti "Kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi dushimangira gahunda ya Ndi Umunyarwanda."



Dr. Monique NSANZABAGANWA atanga ikiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".



Abana babonye umwanya wo kubaza nyuma yo guhabwa ikiganiro kuri “Ndi Umunyarwanda”




Bwana **HABYARIMANA J.Baptiste** Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y’Ubumwe n’Ubwiyunge asubiza ibibazo by’abana




Bwana **MUCYO Jean de Dieu** Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside asubiza ibibazo by'abana

**UMUHANGO WO GUCANA URUMURI**

Nyuma yo guhabwa ikiganiro, abana baririmbye indirimbo igaragazako bafite icyizere cy'ejo heza baririmba basaba ko bakeneye gucanirwa urumuri rw'icyizere.

Umushyitsi mukuru muri uwo muhango yari Minisititi w'Umuco na Siporo Bwana Mitali Protais warhagutuse acanira abana urumuri.



Nyakubahwa Minisitiri w'Umuco na Siporo Mitali Protais acanira abana urumuri rw'icyizere






Abana berekana urumuri rw'icyizere bacaniwe

## III. UMUSOZO

Kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi ku rwego rw'Igihugu, intara n'uturere byabaye igikorwa cyiza kuko byahaye abana urubuga rwo gutanga ibitekerezo ndetse no gusobanukirwa amateka mabi yaranze u Rwanda.

Abana babonye umwanya wo gufata ingamba zo kurwanya ikibi cyose cyabatanya ndetse biyemeza no kubumbatira ubumwe bw'abanyarwanda kuko basobanukiwe ko ubunyarwanda ariyo ndangagaciro ibahuza. Abana basabye Leta ko iyi gahunda yo kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi yahoraho kuko yabagiriye akamaro.